**ITEGEKO N°16/2016 RYO KU WA 10/05/2016 RIGENA UBURYO BWO KURENGERA UBUZIMA BW'IBIMERA MU RWANDA**

**LAW N°16/2016 OF 10/05/2016 ON PLANT HEALTH PROTECTION IN RWANDA**

**LOI N°16/2016 DU 10/05/2016 PORTANT PROTECTION DE LA SANTE DES VEGETAUX AU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: IYINJIRA RY'IBIMERA MU GIHUGU**

**Ingingo ya 3: Kwinjiza ikimera n'ikigikomokaho**

**Ingingo ya 4: Ikimera cyangwa ikigikomokaho kidakenera uruhushya cyangwa icyemezo cy'ubuziranenge**

**Ingingo ya 5: Guhabwa cyangwa kwimwa uruhushya rwo kwinjiza ibimera n'ibibikomokaho**

**Ingingo ya 6: Gutakambira kwimwa uruhushya**

**Ingingo ya 7: Kwamburwa uruhushya**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**CHAPTER II: IMPORTING PLANTS**

**Article 3: Importing a plant and a plant product**

**Article 4: Plant or plant product that does not require licence and a phytosanitary certificate for importation**

**Article 5: Granting or refusal of a licence to import plants and plant products**

**Article 6: Appeal against the refusal of granting a licence**

**Article 7: Revocation of a licence**

**TABLE DES MATIÈRES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**CHAPITRE II: IMPORTATION DES VEGETAUX**

**Article 3: Importation d'un végétal et d'un produit végétal**

**Article 4: Végétal ou produit végétal dont l'importation ne requiert pas une licence et un certificat phytosanitaire**

**Article 5: Obtention ou refus de licence d'importation de végétaux ou de produits végétaux**

**Article 6: Recours contre le refus d'octroi de licence**

**Article 7: Révocation de licence**

**Ingingo ya 8: Gutakambira kwamburwa uruhushya**

**Ingingo ya 9: Gutakaza uruhushya**

**Ingingo ya 10: Igenzura ry'ubuziranenge bw'ikimera n'ibigikomokaho**

**Ingingo ya 11: Uko bagenza ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyose cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko**

**Ingingo ya 12: Ibikorerwa ikimera cyangwa ikigikomokaho cyagaragayeho indiririzi**

**Ingingo ya 13: Ibikorerwa umutwaro wabuze nyirawo**

**Ingingo ya 14: Uburyo inyubako, imodoka, ubwato, gari ya moshi n'indege birimo ikimera bigenzurwa**

**Ingingo ya 15: Inshingano z'utwaye umutwaro**

**Ingingo ya 16: Kugenzura ububiko, ibicuruzwa n'ibindi biri mu nzira bishobora gukwirakwiza indiririzi n'indwara**

**Ingingo ya 17: Uburyo bwo gufatira ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ibintu**

**Article 8: Appeal against revocation of a licence**

**Article 9: Loss of a licence**

**Article 10: Phytosanitary inspection of a plant and plant product**

**Article 11: Action to be taken with regard to unlawfully imported plant, plant product or any other product**

**Article 12: Treatment of an infested plant or plant product**

**Article 13: Treatment of an abandoned consignment**

**Article 14: Modalities for inspection of premises, vehicle, vessel, train and aircraft containing a plant**

**Article 15: Obligations of consignment carrier**

**Article 16: Inspection of storage places, goods and other articles in transit that may spread pests and diseases**

**Article 17: Modalities for confining a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance**

**Article 8: Recours contre la révocation de licence**

**Article 9: Perte de licence**

**Article 10: Inspection phytosanitaire d'un végétal et d'un produit végétal**

**Article 11: Mesure à prendre contre un végétal, un produit végétal ou tout autre produit importé illégalement**

**Article 12: Traitement d'un végétal ou un produit végétal infesté**

**Article 13: Traitement d'un envoi abandonné**

**Article 14: Modalités d'inspection du bâtiment, du véhicule, du bateau, du train et d'avion contenant un végétal**

**Article 15: Obligations du transporteur de l'envoi**

**Article 16: Inspection de lieux de stockage, des marchandises et autres articles en transit susceptibles de disséminer les organismes nuisibles et les maladies**

**Article 17: Modalités de confinement de bateau, de véhicule, de train, d'avion ou de tout autre moyen de transport**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 18: Gukumira iyinjira ry'indiririzi cyangwa indwara z'ibyaduka** | **Article 18: Prevention of introduction of invasive alien species or diseases** | **Article 18: Prévention de l'introduction d'espèces exotiques ou de maladies envahissantes** |
| **Ingingo ya 19: Gutangaza umwaduko w'indiririzi cyangwa indwara** | **Article 19: Declaration of pest or disease outbreak** | **Article 19: Déclaration de l'apparition d'un foyer d'organisme nuisible ou de maladie** |
| **Ingingo ya 20: Kwinjiza indiririzi, ikimera cyangwa ikigikomokaho bishyigikira ubumenyi n'ubushakashatsi** | **Article 20: Importation of pest, plant or plant product for scientific and research purposes** | **Article 20: Importation d'un organisme nuisible, d'un végétal ou d'un produit végétal pour des raisons scientifiques et de recherche** |
| **Ingingo ya 21: Kugena igicumbi cy'ikimera cyahawe akato** | **Article 21: Designation of quarantine station of a plant** | **Article 21: Désignation de station de quarantaine d'une plante** |
| **Ingingo ya 22: Inshingano z'abakozi ba gasutamo cyangwa undi wese ubyemerewe** | **Article 22: Duties of customs officers or any other authorised officer** | **Article 22: Attributions des agents de douanes ou de tout autre agent autorisé** |
| **Ingingo ya 23: Ububasha bw'abagenzuzi mu bijyanye no kwinjiza mu gihugu ikimera, ibigikomokaho cyangwa ibindi byemewe** | **Article 23: Powers of inspectors in relation to imported plant, plant products or other regulated articles** | **Article 23: Pouvoirs des inspecteurs en matière d'importation d'un végétal, produits végétaux ou autres articles réglementés** |
| **Ingingo 24: Uburyo bwo kugenzura ikimera cyangwa ikigikomokaho** | **Article 24: Modalities to inspect a plant or a plant product** | **Article 24: Modalités d'inspecter un végétal ou un produit végétal** |
| **UMUTWE WA III: GUKUMIRA NO KURANDURA INDIRIRIZI N'INDWARA** | **CHAPTER III: CONTAINMENT AND ERADICATION OF PESTS AND DISEASES** | **CHAPITRE III: ENRAYEMENT ET ERADICATION DES ORGANISMES NUISIBLES ET DES MALADIES** |
| **Ingingo ya 25: Kumenyekanisha ahabonetse indiririzi cyangwa indwara** | **Article 25: Notification of presence of pest or disease** | **Article 25: Notification de la présence d'un organisme nuisible ou d'une maladie** |
| **Ingingo ya 26: Gutangaza ishyirwaho ry'akato** | **Article 26: Declaration of a quarantine** | **Article 26: Déclaration d'une quarantaine** |
| **Ingingo ya 27: Inshingano ya nyir'ubutaka** | **Article 27: Obligation of the land owner** | **Article 27: Obligation du propriétaire foncier** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 28: Amafaranga ajyanye no gukuraho indiririzi cyangwa indwara** | **Article 28: Cost for treatment of a pest or disease** | **Article 28: Coût relatif au traitement d'organisme nuisible ou de maladie** |
| **Ingingo ya 29: Gukuraho akato** | **Article 29: Quarantine lifting** | **Article 29: Levée de la quarantaine** |
| **Ingingo ya 30: Gutangaza akarere karimo n'akatarimo indiririzi cyangwa indwara** | **Article 30: Declaration of a pest or disease infested or free area** | **Article 30: Déclaration d'une zone infestée ou exempte d'organismes nuisibles ou de maladies** |
| **UMUTWE WA IV: ICYEMEZO CY'UBUZIRANENGE** | **CHAPTER IV: PHYTOSANITARY CERTIFICATE** | **CHAPITRE IV: CERTIFICAT PHYTOSANITAIRE** |
| **Ingingo ya 31: Icyemezo cy'ubuziranenge** | **Article 31: Phytosanitary certificate** | **Article 31: Certificat phytosanitaire** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER V: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 32: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 32: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 32: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 33: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 33: Repealing provision** | **Article 33: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 34: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 34: Commencement** | **Article 34: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°16/2016 RYO KU WA 10/05/2016 RIGENA UBURYO BWO KURENGERA UBUZIMA BW'IBIMERA MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 25 Gashyantare 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yo kurengera ibimera yashyiriweho umukono i Roma ku wa 26/08/2008 hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Umuryango Mpuzamahanga ugamije kurengera ibimera nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 28/01 ryo ku wa 09/07/2012;

**LAW N°16/2016 OF 10/05/2016 ON PLANT HEALTH PROTECTION IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 25 February 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Pursuant to International Plant Protection Convention signed in Roma on 26/08/2008 between the Republic of Rwanda and the International Plant protection Organisation as ratified by Presidential Order n° 28/01 of 09/07/2012;

**LOI N°16/2016 DU 10/05/2016 PORTANT PROTECTION DE LA SANTE DES VEGETAUX AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 25 février 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Vu la Convention internationale pour la protection des végétaux signée à Rome le 26/08/2008 entre la République du Rwanda et l'Organisation Internationale pour la Protection des Végétaux telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 28/01 du 09/07/2012;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena uburyo bwo kurengera ubuzima bw'ibimera mu Rwanda. Riteganya kandi ingamba zo kurwanya no gukumira isakara ry'indiririzi cyangwa indwara ndetse n'ibibazo birebana n'ibinyabuzima.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira :

1º **ahantu**: agace gakorerwamo ibikorwa aho gaherereye hose ;

2º **ahantu indiririzi zigaragara ku rwego rwo hasi :** ahantu hagaragaye indiririzi yihariye ku rwego rukiri hasi haba mu Rwanda rwose cyangwa igice cyarwo ikwiye gufatirwa ingamba zo kuyigenzura, kuyirwanya no kuyihashya;

3º **aho ikimera gikurira:** umugina cyangwa ikindi kintu umuzi w'ikimera ushobora gukuriramo;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines modalities for plant health protection in Rwanda. It also provides for strategies meant to control and contain the establishment of pests or diseases and matters connected with living organisms.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purposes of this Law, the following terms have the following meanings:

1º **area:** any place of activities;

2º **area of low pest prevalence:** area, whether on the whole or part of the Rwandan territory, in which a specific pest occurs at low levels and which is subject to surveillance, control or eradication measures;

3º **growing medium:** anthill or any material in which a plant root is growing;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine les modalités de protection de la santé des végétaux au Rwanda. Elle prévoit également les stratégies de lutte et d'enrayement de l'établissement d'organismes nuisibles ou de maladies ainsi que toutes les questions relatives aux êtres vivants.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont des significations suivantes:

1º **zone :** tout endroit d'activités;

2º **zone à faible prévalence d'organismes nuisibles:** toute zone, que ce soit sur tout ou partie du territoire rwandais, dans laquelle un organisme nuisible spécifique est présent à un niveau faible et qui fait l'objet de mesures de surveillance, de lutte ou d'éradication;

3º **milieu de culture:** fourmilière ou toute matière dans laquelle pousse la racine d'un végétal;

4º **aho ikimera cyangwa igikomoka ku kimera cyinjirira mu gihugu:** icyambu, inzira y'ubutaka, ku mupaka w'igihugu, ikibuga cy'indege, sitasiyo ya gari ya moshi cyangwa iposita;

5º **aho indiririzi yinjiriye**: ahantu indiririzi yinjirira mu karere, aho itari yagaragara cyangwa se isanzwe ihari ariko bitari cyane kandi ikaba irwanywa mu buryo buzwi;

6º **akarere katarangwamo indiririzi:** ahantu indiririzi itagaragara nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi kandi gushyigikira umudendezo waho bigakomeza**;**

7º **akato:** uburyo urwego rubifitiye ububasha rukoresha bwo gufatira ibimera cyangwa ibibikomokaho mu rwego rwo kwitegereza, gushakashaka cyangwa kugenzura no gupima ko byujuje amabwiriza yo kurengera ibimera**;**

8º **gufatira:** ugufata ikimera hagamijwe kugenzura niba cyujuje ibyangombwa bisabwa;

9º **gukumira:** ugushyira mu bikorwa ingamba zo kurinda ubuziranenge bw'ibimera mu karere cyangwa hafi aho mu kurwanya ikwirakwira ry'indiririzi cyangwa indwara;

10º **gusakara:** ugukwirakwira kw'indiririzi cyangwa indwara nyuma yo kwinjira ahantu runaka;

4º **point of entry:** seaport, road, land border point, airport, railway station or post office;

5º **introduction of a pest:** entry of a pest into an area where it is not yet present, or present but not widely distributed and being officially controlled;

6º **pest free area**: area in which a specific pest is absent as demonstrated by scientific evidence and in which this condition is being maintained;

7º **quarantine**: confinement by a competent authority of plants or plant products for observation, research or inspection and testing of their compliance with phytosanitary regulations;

8º **confinement**: to keep a plant to verify that it complies with the requirements;

9º **containment:** application of phytosanitary measures in or around an infested area to prevent spread of a pest or a disease;

10º **establishment:** perpetuation of a pest or a disease within an area after entry;

4º **point d'entrée:** port maritime, route, poste frontière terrestre, aéroport, station ferroviaire ou poste;

5º **introduction d'un organisme nuisible:** entrée d'un organisme nuisible dans une zone où il n'est pas encore présent ou bien y est présent mais n'y est pas largement disséminé et fait l'objet d'une lutte officielle;

6º **zone exempte d'organisme nuisible** : zone dans laquelle l'absence d'un organisme nuisible a été prouvée scientifiquement et où elle est maintenue;

7º **quarantaine** : confinement de végétaux ou produits végétaux par l'autorité compétente pour observation, recherche ou pour inspection et analyse de leur conformité à la réglementation phytosanitaire;

8º **confinement:** garder un végétal pour vérifier sa conformité aux conditions requises ;

9º **enrayement:** application de mesures phytosanitaires dans ou autour d'une zone infestée afin de prévenir la dissémination d'un organisme nuisible ou d'une maladie ;

10º **établissement :** perpétuation d'un organisme nuisible ou d'une maladie dans une zone après son entrée ;

11º **ikinyabuzima kirwanya ibindi binyabuzima:** ikinyabuzima kigira uruhare mu kurwanya indiririzi;

12º **icyanduye:** icyafashwe cyangwa cyagizweho ingaruka n'indiririzi cyangwa indwara;

13º **icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibimera:** inyandiko itangwa n'urwego rubifitiye ububasha yemeza ubuziranenge bw'ikimera igaragaza ko cyujuje amabwiriza y'ubuziranenge bw'ibimera;

14º **icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibimera byambukiranya igihugu bijya mu kindi:** icyemezo cy'ubuziranenge bw'ikimera gitanga uburenganzira bucyemerera gukomeza mu kindi gihugu ;

15º **icyemezo cy'ubuziranenge gitangwa mbere**: inyandiko igaragaza ubuziranenge bw'ikimera itangwa mbere n'urwego rubifitiye ububasha rw'aho ibimera bikomoka kandi ikagera mu gihugu mbere y'uko ikimera cyangwa igikomoka ku kimera bihagera;

16º **icyororo**: ikimera kigenewe gukoreshwa mu korora cyangwa muri gahunda yo kubungabunga ubuzima bw'ibimera;

17º **igicumbi cy'ibimera byahawe akato**: ahantu ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi gisa n'ibi cyemewe gishobora gushyirwa by'agateganyo ku mpamvu z'ubuziranenge,

11º **biological control agent**: organism used for pest control;

12º **infested:** infected or affected by a pest or a disease;

13º **phytosanitary certificate:** official document issued by a competent authority, attesting that a plant meets phytosanitary regulations;

14º **phytosanitary certificate for re-export:** phytosanitary certificate which allows transit status to a plant;

15º **pre-clearance:** document indicating phytosanitary status of a plant which is issued in advance by the competent authority of the area of origin and which reaches the country of destination before arrival of a plant or plant product;

16º **germplasm:** plant intended for use in breeding or conservation program;

17º **quarantine station:** official station for temporarily holding a plant, a plant product or other related regulated article for phytosanitary, research, inspection,

11º **agent de lutte biologique**: organisme utilisé pour la lutte contre les organismes nuisibles ;

12º **infesté:** infecté ou affecté par un organisme nuisible ou par une maladie ;

13º **certificat phytosanitaire :** document officiel délivré par l'autorité compétente attestant qu'un végétal satisfait à la réglementation phytosanitaire ;

14º **certificat phytosanitaire de réexportation :** certificat phytosanitaire qui accorde à un végétal le statut de transit ;

15º **pré-agrément:** document indiquant l'état phytosanitaire d'un végétal et qui est délivré au préalable par l'autorité compétente de la zone d'origine et qui doit parvenir dans le pays de destination avant l'arrivée d'un végétal ou de produit végétal ;

16º **germoplasme :** végétal destiné à être utilisé dans un programme de sélection et d'amélioration, ou de conservation ;

17º **station de quarantaine:** centre officiel servant à la détention temporaire d'un végétal, d'un produit végétal ou d'un autre article connexe réglementé pour des raisons phytosanitaires, de

ubushakashatsi, ubugenzuzi, isuzuma, ifatira cyangwa isenywa;

18º **igikomoka ku kimera:** umusaruro ukomoka ku kimera udatunganyijwe mu ruganda cyangwa ukomoka ku kimera watunganyijwe mu ruganda ushobora gutera ikibazo cy'indiririzi cyangwa indwara cyangwa ikwirakwira ry'indiririzi cyangwa indwara bitewe na kamere yacyo cyangwa uburyo cyatunganyijwe;

19º **igipfunyika:** ikintu gikoreshejwe mu gutwara, kubika, kurinda cyangwa gucunga ikimera cyangwa igikomoka ku kimera;

20º **igitwarwamo:** isanduka cyangwa ikindi kintu gikoreshwa mu gutwara ikimera icyo aricyo cyose cyangwa igikomoka ku kimera;

21º **ikimera:** urubuto cyangwa igice cy'ikimera kizima gituma cyororoka;

22º **ikinyabuzima ngirakamaro:** ikinyabuzima icyo aricyo cyose kijya ako kanya cyangwa kikanyura ku kindi kintu, ku kimera cyangwa ibikomoka ku kimera kikagira akamaro mu kurwanya indiririzi;

23º **ikintu kibika cyangwa gikwirakwiza indiririzi cyangwa indwara:** ikintu cyose cyaba ububiko, igipfunyikwamo ikimera cyangwa ikibikomokaho, ububiko bukozwe mu biti, igitwarwamo ibintu, itaka cyangwa ikindi gishobora guterwamo ikimera n'ikindi kintu cyose indiririzi cyangwa indwara ishobora

monitoring, confinement or destruction purposes;

18º **plant product:** unmanufactured material of plant origin or any manufactured product that, by its nature or that of its processing, may create a risk for the introduction or spread of a pest or a disease;

19º **packaging:** material used to carry, store, protect or monitor a plant or a plant product;

20º **container:** a box, or any other receptacle used to carry any plant or plant product;

21º **plant:** seed or part of a living plant allowing a plant to grow;

22º **beneficial organism:** any biological entity which directly or indirectly fixes itself on a material, plant or plant products and which is useful in controlling pests;

23º **regulated article:** any storage place, packaging of a plant or a plant product, wood packaging material, container, soil or other growing medium and any other material capable of harbouring or spreading a pest or disease, deemed to require phytosanitary

recherche, d'inspection, de surveillance, de confinement ou de destruction ;

18º **produit végétal:** produit non manufacturé d'origine végétale ou produit manufacturé qui, étant donné sa nature ou celle de sa transformation, peut constituer un risque d'introduction ou de dissémination d'un organisme nuisible ou d'une maladie;

19º **emballage:** matériau utilisé pour contenir, stocker, protéger ou surveiller un végétal ou un produit végétal ;

20º **conteneur:** caisse ou tout autre récipient utilisé pour transporter tout végétal ou tout produit végétal;

21º **végétal:** semence ou partie d'un végétal vivant permettant à un végétal de se développer;

22º **organisme utile:** toute entité biologique qui se fixe directement ou indirectement sur un matériel, un végétal ou sur un produit végétal et qui a l'utilité de lutter contre les organismes nuisibles ;

23º **article réglementé:** tout lieu de stockage, emballage d'un végétal ou d'un produit végétal, matériau d'emballage en bois, conteneur, terre ou autre milieu de culture et tout autre matériel susceptible de porter ou de disséminer un organisme nuisible ou une maladie justifiant des mesures phytosanitaires, particulièrement

kwihishamo cyangwa kikaba cyazikwirakwiza kandi kikaba kigomba gufatirwa ingamba z'ubuziranenge bw'ibimera ku buryo bw'umwihariko cyane cyane iyo ari ubwikorezi bw'ibicuruzwa bijya mu mahanga;

24º **indiririzi:** ubwoko bw'ibinyabuzima byangiza ikimera, ikigikomokaho, ubuzima bw'amatungo cyangwa ubuzima bw'abantu;

25º **indiririzi igenzurwa:** indiririzi yahawe akato cyangwa indiririzi itari mu kato ikaba igomba kugabanywa kuko yangiza ikimera cyangwa ubuziranenge bw'ibimera n'ibibikomokaho;

26º **indiririzi igenzurwa itari mu kato:** indiririzi igenzurwa idakeneye kujya mu kato kubera ko yangiza umusaruro kandi ikaba igomba gufatirwa ingamba zo kuyigabanya;

27º **indiririzi yahawe akato:** indiririzi yatera ingaruka zikomeye ku bukungu bw'akarere igaragayemo yaba itarahagera cyangwa ihari bitari cyane kandi ikaba irwanywa mu buryo bwemewe**;**

28º **ingamba z'ubuziranenge bw'ikimera:** amategeko cyangwa uburyo bwemewe bugamije gukumira no kurwanya isakara cyangwa ikwirakwira ry'indiririzi cyangwa indwara cyangwa kurwanya ingaruka ku

measures, particularly where international transportation is involved;

24º **pest:** any species that is injurious to a plant, a plant product, animal health or human health;

25º **regulated pest:** a quarantine pest or a non-quarantine pest which has to be reduced because it is harmful to a plant or because it violates phytosanitary standards;

26º **regulated non-quarantine pest:** regulated pest which, following its level of impact on the production, does not need to be quarantined, but for which reduction measures have to be taken;

27º **quarantine pest:** a pest of potential economic importance to the area endangered thereby and not yet present there, or present but not widely distributed and being officially controlled against;

28º **phytosanitary measure:** legislation or official procedure having the purpose to contain and control the establishment or spread of any pest or disease, or to limit the economic impact of a non-quarantine pest or disease;

pour tout ce qui concerne les transports internationaux ;

24º **organisme nuisible:** toute espèce nuisible à un végétal, à un produit végétal, à la santé animale ou à la santé humaine;

25º **organisme nuisible réglementé:** organisme de quarantaine ou organisme non de quarantaine qui doit être réduit suite au fait qu'il est nuisible à un végétal ou qu'il viole les normes phytosanitaires ;

26º **organisme réglementé non de quarantaine:** organisme nuisible réglementé qui, suite au degré de son impact sur la production, ne requiert pas une quarantaine mais pour lequel les mesures de réduction doivent être prises ;

27º **organisme de quarantaine:** organisme nuisible qui a une importance potentielle pour l'économie de la zone menacée et qui n'est pas encore présent dans cette zone ou qui y est présent mais n'y est pas largement disséminé et fait l'objet d'une lutte officielle;

28º **mesure phytosanitaire:** législation ou méthode officielle ayant pour objet d'enrayer et de lutter contre l'établissement ou la dissémination d'un organisme nuisible ou d'une maladie, ou de limiter l'incidence

bukungu zaterwa n'indiririzi cyangwa indwara itarahawe akato;

29º **indiririzi z'ibyaduka:** ibinyabuzima by'ibyaduka byigarurira ahantu kamere kandi bikaba bishobora kuhangiza;

30º **inyigo ku ngaruka z'indiririzi:** igenzura ry'ibinyabuzima mu buryo bwa gihanga bugaragaza akamaro fatizo ko kubahiriza ubuziranenge bw'ibimera;

31º **kugenzura:** ugukusanya mu buryo bwemewe amakuru ajyanye no kwerekana, imiterere y'indiririzi mu karere runaka;

32º **kurandura:** ugushyira mu bikorwa ingamba zo kurengera ibimera mu rwego rwo guca burundu indiririzi cyangwa indwara y'ibimera mu karere;

33º **kurwanya:** ukuvanaho, kurinda cyangwa kurandura indiririzi;

34º **kuvanaho indiririzi:** kwica, guhashya indiririzi cyangwa kuvanaho ubukana bwayo ku buryo bwemewe;

35º **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze;

36º **ububiko bukoze mu biti:** igiti cyose cyangwa ikigikomokaho gikoreshwa mu gushyigikira,

29º **invasive alien species:** alien species that invade the natural space and that can harm such a space;

30º **pest risk analysis**: process of evaluating biological or other scientific evidence to determine the strength of compliance with phytosanitary measures;

31º **surveillance:** official process which collects and records data on pest presence and nature of pest in a given area;

32º **eradication:** application of phytosanitary measures to eliminate a pest or a plant disease from an area;

33º **control:** suppression, containment or eradication of a pest population;

34º **treatment:** official procedure for the killing, removal or inactivation of a pest;

35º **Minister:** Minister in charge of agriculture and animal resources;

36º **wood packaging:** wood or wood product used in supporting, storing, protecting or carrying

économique d'un organisme ou d'une maladie non de quarantaine;

29º **espèces exotiques envahissantes:** espèces exotiques qui envahissent l'espace naturel et qui peuvent nuire à cet espace ;

30º **analyse du risque phytosanitaire**: processus consistant à évaluer les données biologiques ou autres données scientifiques pour déterminer la sévérité du respect des mesures phytosanitaires ;

31º **surveillance**: procédé officiel qui consiste à collecter des données sur la présence et la nature d'un organisme nuisible dans une zone donnée ;

32º **éradication:** application de mesures phytosanitaires afin d'éliminer dans une zone un organisme nuisible ou une maladie de végétaux;

33º **lutte:** suppression, enrayement ou éradication d'un organisme nuisible;

34º **traitement:** procédure officielle pour la destruction, l'élimination ou l'inactivation d'un organisme nuisible;

35º **Ministre:** Ministre ayant l'agriculture et l'élevage dans ses attributions;

36º **matériau d'emballage en bois:** bois ou produit de bois utilisé pour soutenir, stocker, protéger

kubika, kurinda no gutwara ikimera n'ikigikomokaho cyangwa ikindi gicuruzwa bidafitanye isano;

37º **ubugenzuzi:** uburyo bwemewe bwo kwitegereza neza ikimera n'igikomoka ku kimera cyangwa ikindi gicuruzwa kugira ngo hagaragazwe ko gifite indiririzi cyangwa indwara cyangwa se ko cyubahirije amabwiriza y'ubuziranenge;

38º **uburyo bwo gutwara ibintu**: igikoresho cyose, indege, gare ya moshi, ibinyabiziga, ubwato, inyamaswa cyangwa ubundi buryo bukoreshwa kuvana ahantu runaka ikimera, igikomoka ku kimera, indiririzi, ibinyabuzima bitungwa n'ibimera bukabijyana ahandi;

39º **ubutaka:** ubuso buriho ibinyabuzima nk'abantu, inyamaswa n'ibimera binyuranye hamwe n'ibitari ibinyabuzima nk'urutare, inyubako, ibikorwa remezo binyuranye, imigezi, ibiyaga, kimwe n'ikuzimu kwabwo n'ikirere cyabwo;

40º **umutwaro:** igipimo runaka cy'ikimera, ibikomoka ku kimera cyangwa ibindi bicuruzwa biva mu gihugu kimwe biza mu kindi ndetse bibaye ngombwa bigaherekezwa n'icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibimera;

41º **umwaduko w'indiririzi cyangwa indwara:** indiririzi cyangwa indwara zadutse, zigaragaye

any plant and plant product or any other commodity unrelated thereto;

37º **inspection:** official visual examination of a plant and a plant product or other article to determine if a pest or a disease is present or to determine compliance with phytosanitary regulations;

38º **conveyance means:** any object, aircraft, train, vehicle, ship, animal or any other means used to convey a plant, plant product, pest, plant-eating organisms from one place to another;

39º **soil:** layer of earth which supports living organisms such as human beings, animals and various types of plants and non-living organisms such as rocks, buildings, various types of infrastructure, water streams, lakes as well as the underground and surface space thereto related;

40º **consignment:** quantity of plants, plant products or other articles moved from one country to another and covered, where required, by a phytosanitary certificate;

41º **outbreak:** a recently detected pest population or disease, including an incursion or an

ou contenir un végétal et un produit végétal ou toute autre marchandise qui est sans rapport avec lui;

37º **inspection:** examen visuel officiel d'un végétal et d'un produit végétal ou d'un autre article afin de déterminer la présence d'un organisme nuisible ou d'une maladie ou de s'assurer du respect de la réglementation phytosanitaire ;

38º **moyen de transport** : tout objet, avion, train, véhicule, bateau, animal ou toute autre moyen utilisé dans le transport d'un végétal, d'un produit végétal, d'un organisme nuisible, des organismes qui se nourrissent des végétaux d'un endroit à un autre;

39º **sol :** couche terrestre sur laquelle se trouvent les organismes vivants tels que les humains, les animaux et différents types de végétaux et les organismes non vivants tels que la roche, les bâtiments, différents types d'infrastructure, les cours d'eau, les lacs ainsi que l'espace souterrain et aérien y relatif;

40º **envoi:** ensemble de végétaux, de produits végétaux ou d'autres articles expédiés d'un pays à un autre et couverts, si nécessaire, par un certificat phytosanitaire;

41º **apparition d'un foyer:** un organisme nuisible ou une maladie récemment détectée, établie à

muri icyo gihe zishobora kwiyongera cyangwa gusakara aho hantu;

42º **utumiza ibintu hanze:** umuntu wese yaba nyir'ibintu, uwohereje, uwohererejwe, ucunga, intumwa cyangwa undi wese ufite ibintu bigomba kugenzurwa, ari ikimera, ikigikomokaho, indiririzi, ikinyabuzima gitungwa n'ikimera, cyangwa ikindi kintu kinjira mu Rwanda kivuye mu kindi gihugu;

43º **urwego rubifitiye ububasha:** urwego rufite mu nshingano zarwo kurengera ubuzima bw'ibimera mu Rwanda.

## <u>UMUTWE WA II</u>: IYINJIRA RY'IBIMERA MU GIHUGU

### <u>Ingingo ya 3:</u> Kwinjiza ikimera n'ikigikomokaho

Kwinjiza ikimera cyangwa ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu gishobora gukwirakwiza indiririzi cyangwa indwara bisabirwa uruhushya n'icyemezo cy'ubuziranenge bw'ikimera bitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

### <u>Ingingo ya 4</u>: Ikimera cyangwa ikigikomokaho kidakenera uruhushya cyangwa icyemezo cy'ubuziranenge

Ikimera cyangwa ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyose gishobora gukwirakwiza indiririzi

increase of an established pest population in that area;

42º **importer:** any person who, whether as owner, consignor, consignee, agent, broker or otherwise, is in possession of articles subject to inspection, whether a plant, plant product, pest, plant-eating organism or any other article imported into Rwanda;

43º **competent authority:** institution in charge of plant health protection in Rwanda.

## <u>CHAPTER II:</u> IMPORTING PLANTS

### <u>Article 3</u>: Importing a plant and a plant product

Importing any plant, plant product or any other article which can contribute to pest or disease spread is subject to a licence and a phytosanitary certificate issued by the competent authority.

### <u>Article 4</u>: Plant or plant product that does not require licence and a phytosanitary certificate for importation

Any plant or plant products or any other material capable of spreading a pest or disease that does not

ce moment et montrant une prolifération ou une incursion dans zone donnée ;

42º **importateur:** toute personne qui, en tant que propriétaire, expéditeur, destinataire, agent, courtier ou autre, est en possession d'articles devant être soumis à l'inspection, que ce soit un végétal, un produit végétal, un organisme nuisible, un organisme qui se nourrit de végétaux ou tout autre article importé au Rwanda;

43º **autorité compétente:** institution ayant la protection de la santé des végétaux dans ses attributions au Rwanda.

## <u>CHAPITRE II:</u> IMPORTATION DES VEGETAUX

### <u>Article 3</u>: Importation d'un végétal et d'un produit végétal

L'importation d'un végétal, d'un produit végétal ou de tout autre article susceptible de contribuer à la dissémination d'un organisme nuisible ou d'une maladie requiert une licence et un certificat phytosanitaire délivré par l'autorité compétente.

### <u>Article 4</u>: Végétal ou produit végétal dont l'importation ne requiert pas une licence et un certificat phytosanitaire

Un végétal ou un produit végétal ou tout autre matériel susceptible de disséminer un organisme

cyangwa indwara kidakenera uruhushya cyangwa icyemezo cy'ubuziranenge mu gihe byinjizwa mu Gihugu, bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 5: Guhabwa cyangwa kwimwa uruhushya rwo kwinjiza ibimera n'ibibikomokaho**

Umuntu wujuje ibisabwa biteganywa n'urwego rubifitiye ububasha ahabwa uruhushya mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku itariki y'iyakira ry'ibaruwa y'ubusabe.

Urwo ruhushya rugaragaza neza icyo rutangiwe n'igihe ruzamara.

Icyakora iyo nyir'ubwite ataruhawe mu gihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, abimenyeshwa mu nyandiko kandi akagaragarizwa impamvu ataruhawe cyangwa haba hari ibyangombwa bibura agasabwa kubizana.

**Ingingo ya 6: Gutakambira kwimwa uruhushya**

Mu gihe uwasabye uruhushya ataruhawe, ashobora gutakambira Minisitiri mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), uhereye ku itariki yaboneyeho inyandiko irumwima.

require a licence and a phytosanitary certificate for importation are determined by an Order of the Minister.

**Article 5: Granting or refusal of a licence to import plants and plant products**

An applicant meeting the requirements set by the competent authority is granted a licence within a period not exceeding thirty (30) days as of the date of receipt of the application.

Such a licence clearly indicates its purpose and period of validity.

However, where the applicant is not granted the licence within the period referred to under Paragraph One of this Article, he/she is informed thereof in a written notice indicating the grounds for refusal or, in the event of lack of some documents, he/she is requested to bring them.

**Article 6: Appeal against the refusal of granting a licence**

Where the applicant is not granted the licence, he/she may appeal to the Minister in writing within a period not exceeding thirty (30) days as of the date on which he/she received the written notice of refusal.

nuisible ou une maladie dont l'importation ne requiert pas une licence et un certificat phytosanitaire sont déterminés par un arrêté ministériel.

**Article 5: Obtention ou refus de licence d'importation de végétaux ou de produits végétaux**

Un demandeur qui remplit les conditions exigées par l'autorité compétente obtient une licence dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la réception de la demande.

Cette licence indique clairement son objet et la période de sa validité.

Toutefois, lorsque le demandeur n'obtient pas la licence dans les délais prévus à l'alinéa premier du présent article, il en est informé par un avis écrit indiquant les motifs du refus ou en cas d'absence de certains documents, il lui est demandé de les présenter.

**Article 6: Recours contre le refus d'octroi de licence**

Lorsque le demandeur n'obtient pas la licence, il peut faire recours par écrit auprès du Ministre dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date à laquelle il a reçu la notification écrite de refus.

Iyo utakamba atishimiye icyemezo cya Minisitiri aregera urukiko rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 7: Kwamburwa uruhushya**

Uwahawe uruhushya ashobora kurwamburwa n'urwego rwarutanze.

Uwambuwe uruhushya amenyeshwa mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) kandi akagaragarizwa impamvu zatumye arwamburwa.

**Ingingo ya 8: Gutakambira kwamburwa uruhushya**

Mu gihe uwahawe uruhushya arwambuwe ashobora gutakambira Minisitiri mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi (30) uhereye ku itariki yaboneyeho urwandiko rumumenyesha ko yambuwe uruhushya.

**Ingingo ya 9: Gutakaza uruhushya**

Mu gihe uwahawe uruhushya arutakaje, agomba kubimenyesha mu nyandiko urwego rwarutanze mu gihe uruhushya rugifite agaciro. Mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ikurikira iyakira ry'iryo menyekanisha, ubuyobozi bubifitiye ububasha bugomba kuba bwamuhaye igisimbura urwo ruhushya.

Where the applicant is not satisfied with the decision taken by the Minister, he/she refers the matter to the competent court.

**Article 7: Revocation of a licence**

A licensee may have his/her licence revoked by the authority which issued it.

The person whose licence is revoked is notified in writing within a period not exceeding seven (7) days and is given the grounds for such a revocation.

**Article 8: Appeal against revocation of a licence**

Where a licensee has his/her licence revoked, he/she may appeal to the Minister in writing within a period not exceeding thirty (30) days as of the date on which he/she received the written notice of revocation.

**Article 9: Loss of a licence**

Where a licensee loses a licence while it is still valid, he/she must inform, in writing, the authority which issued it. Within seven (7) days as of receipt of such notification, the competent authority must issue to him/her a document in lieu of such a licence.

Lorsque le requérant n'est pas satisfait de la décision du Ministre, il saisit la juridiction compétente.

**Article 7: Révocation de licence**

Un titulaire de licence peut voir sa licence révoquée par l'autorité l'ayant délivrée.

La personne dont la licence est révoquée reçoit, dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours, une notification écrite qui indique les motifs de cette révocation.

**Article 8: Recours contre la révocation de licence**

Lorsque le titulaire se voit sa licence révoquée, il peut faire recours par écrit auprès du Ministre dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de réception de la notification écrite de révocation.

**Article 9: Perte de licence**

Lorsque le titulaire de licence la perd alors qu'elle est encore valable, il doit informe par écrit, l'autorité l'ayant délivrée. Dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de la réception de cette notification, l'autorité compétente est tenue de lui donner un document tenant lieu de cette licence.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Igenzura ry'ubuziranenge bw'ikimera n'ibigikomokaho**

Buri kimera cyangwa ibigikomokaho cyinjizwa mu Rwanda cyangwa kigiye koherezwa mu mahanga, bigomba gukorerwa igenzurwa ahabugenewe kandi iryo genzurwa rikorwa n'abakozi b'urwego rubifitiye ububasha.

Umuntu wese winjiye mu Rwanda mu ndege cyangwa ku butaka afite ibimera cyangwa ibibikomokaho yaba abitwaye mu ntoki cyangwa mu mizigo agomba kubimenyesha umukozi ubifitiye ububasha aho byinjiriye.

Icyakora, uwinjiza ikimera cyangwa ikigikomokaho ashobora gusaba ubugenzuzi mu nyandiko ko ikimera cyangwa ikigikomokaho cyagenzurwa kimaze kugezwa aho kijya kandi agasobanura impamvu z'ubwo busabe**.**

**<u>Ingingo ya 11:</u> Uko bagenza ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyose cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko**

Umugenzuzi, amaze kugaragaza ko ikimera cyangwa ikigikomokaho cyinjijwe mu gihugu ku buryo bunyuranije n'amategeko, ashobora gufatira, gufunga, kuvanaho cyangwa gusenya ikimera, ikigikomokaho n'ikindi kintu cyose cyemerewe kwinjizwa ndetse n'ububiko gitwawemo kandi nta ndishyi atanze igihe asanze :

1° cyinjijwe nta ruhushya;

**<u>Article 10</u>: Phytosanitary inspection of a plant and plant product**

Any plant or plant products meant for importation into Rwanda or for exportation must be subject to inspection in the relevant area and the inspection is carried out by employees of the competent authority.

Any person entering Rwanda by air or by road with plants or plant products whether as accompanied or checked-in baggage, must declare such items to a competent employee at the point of entry.

However, any importer of a plant or plant product may request that the inspection be carried out when the plant or plant product has reached its destination and such a request must indicate the reasons thereof.

**<u>Article 11</u>: Action to be taken with regard to unlawfully imported plant, plant product or any other product**

An inspector, after establishing that a plant or a plant product has entered the country illegally, may proceed to the confinement, holding, treatment or destruction of a plant, a plant product and any regulated article as well as its container, without compensation where:

1° it is imported without any authorization;

**<u>Article 10</u>: Inspection phytosanitaire d'un végétal et d'un produit végétal**

Tout végétal ou produits végétaux en importation au Rwanda ou en exportation, doit être soumis à une inspection effectuée dans un endroit réservé à cet effet et ce, par les agents de l'autorité compétente.

Toute personne qui entre au Rwanda par voie aérienne ou terrestre avec des végétaux ou des produits végétaux tenus en mains ou conservés en bagages, est tenue de les déclarer à un agent compétent au point d'entrée.

Toutefois, tout importateur d'un végétal ou de produit végétal peut demander que l'inspection soit effectuée lorsqu'un végétal ou un produit végétal est arrivé à sa destination, et cette demande en précise les raisons.

**<u>Article 11</u>: Mesure à prendre contre un végétal, un produit végétal ou tout autre produit importé illégalement**

Un inspecteur peut, après avoir constaté que l'entrée d'un végétal ou d'un produit végétal est illégale, procéder au confinement, à la détention, au traitement ou à la destruction d'un végétal, d'un produit végétal et de tout autre article réglementé ainsi que son conteneur sans aucune compensation si :

1° l'importation s'est effectuée sans autorisation ;

2º cyinjijwe mu buryo bunyuranyije n'uruhushya yahawe.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa bimaze kumenyeshwa nyirubwite. Uburyo bikorwa n'igihe bikorerwamo biteganywa n'Iteka rya Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 12:</u> Ibikorerwa ikimera cyangwa ikigikomokaho cyagaragayeho indiririzi**

Ikimera, igikomoka ku kimera cyagaragayeho indiririzi cyangwa indwara cyangwa cyatera isakara ryabyo gifatirwa n'umugenzuzi ari uko hamaze kumeyeshwa nyir'ibintu mu nyandiko cyangwa binyujijwe mu itangazo mu gihe umugenzuzi asanze bishobora guhungabanya ibidukikije

Umugenzuzi, ashingiye ku bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ashobora gutegeka nyirubwite gutunganya ikimera cye cyangwa ikigikomokaho kubera ko gifite imbogamizi, kugisubiza aho cyaturutse cyangwa kugishyira mu kato.

Umugenzuzi asenya mu buryo bwihuse ikimera, igikomoka ku kimera cyangwa ikindi gicuruzwa cyinjijwe nta ndishyi atanze mu gihe ubugenzuzi busanze ko byandujwe n'indiririzi cyangwa indwara yahawe akato. Ikiguzi cyo gusenya cyishyurwa na nyir'ibintu.

2º it is imported in violation of the licence granted to him/her.

Provisions of Paragraph One of this Article are implemented only after notification thereof is effected to the concerned party. Implementation modalities and time limits are determined by an Order of the Minister.

**<u>Article 12:</u> Treatment of an infested plant or plant product**

Where a plant, a plant product is infested with a pest or disease or presents a risk of the establishment of such a pest or disease, it is confined by an inspector upon a written notification to the importer or through an announcement where the environment is at stake.

Basing on provisions of Paragraph One of this Article, an inspector may order the concerned party to treat his/her plant or plant product as it presents some risks, return it to its place of origin or quarantine it.

An inspector shall immediately destroy, without compensation, any plant, plant product or any other regulated article where the inspection establishes that such plant, plant product or article is infested with quarantine pest or disease. Expenses incurred by such a destruction are borne by the owner.

2º l'importation s'est effectuée en violation de la licence octroyée.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent qu'après notification à l'importateur concerné. Les modalités et les délais d'application sont définis par un arrêté ministériel.

**<u>Article 12</u>: Traitement d'un végétal ou un produit végétal infesté**

Lorsqu'un végétal, un produit végétal est infesté d'organisme nuisible ou de maladie ou présente des risques de leur établissement, il est confiné par l'inspecteur après notification écrite à l'importateur ou au moyen d'un communiqué lorsqu'il constate que l'environnement est en danger.

Sur base des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'inspecteur peut ordonner au concerné d'assurer la maintenance de son végétal ou de son produit végétal présentant certains risques, de le retourner à son lieu d'origine ou de le mettre en quarantaine.

Un inspecteur détruit immédiatement et sans aucune compensation un végétal, un produit végétal ou un article autorisé, lorsque l'inspection constate qu'il est infesté d'organisme nuisible ou de maladie de quarantaine. Les dépenses encourues lors de la destruction sont à la charge du propriétaire.

Iyo nyir'ibintu atanyuzwe n'icyemezo cyamufatiwe ajuririra inzego zibishinzwe.

**Ingingo ya 13: Ibikorerwa umutwaro wabuze nyirawo**

Urwego rubifitiye ububasha rushobora gushyira ku isoko cyangwa gusenya umutwaro winjiye mu Rwanda warasuzumwe cyangwa utarasuzumwa mu gihe umaze iminsi cumi n'ine (14) nyirawo ataraza kuwutwara.

**Ingingo ya 14: Uburyo inyubako, imodoka, ubwato, gari ya moshi n'indege birimo ikimera bigenzurwa**

Umugenzuzi akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose ashobora kwinjira ahantu hose hinjijwe ikimera cyangwa ikigikomokaho haba mu nyubako, mu modoka, mu bwato, muri gari ya moshi cyangwa mu ndege kugira ngo abikorere ubugenzuzi kandi abifatire icyemezo.

Mu gihe umugenzuzi akeka ko indiririzi cyangwa indwara ishobora kwinjira mu buryo ubwo ari bwo bwose yandikira nyir'umutwaro n'uwutwaye agaha kopi urwego rubifitiye ububasha asaba ko uwo mutwaro utinjira, usubizwa iyo uvuye, ukomeza mu gihugu kindi, uhabwa akato, usuzumwa cyangwa usenywa mu gihe hagaragajwe impamvu.

When the owner is not satisfied with the decision taken, he/she appeals to the relevant authorities.

**Article 13: Treatment of an abandoned consignment**

The competent authority may dispose of by sale or destroy any monitored or unmonitored consignment imported into Rwanda which, after fourteen (14) days, is not claimed.

**Article 14: Modalities for inspection of premises, vehicle, vessel, train and aircraft containing a plant**

An inspector may, by any means, enter in any area where a plant or a plant product was introduced including premises, vehicle, vessel, train or aircraft in order to inspect them and take a decision.

Where the inspector suspects that there is a pest or disease introduction in any way, the inspector writes to the owner or carrier of the consignment and provides a copy to the competent authority requesting to allow no entry to consignment, to return it to the place of origin, to allow it transit to another country, to keep it in quarantine, to monitor it or to destroy it in case reasons to do so are provided.

Si le propriétaire n'est pas satisfait de la décision prise, il fait recours auprès des instances habilitées.

**Article 13: Traitement d'un envoi abandonné**

L'autorité compétente peut se débarrasser par vente ou par destruction d'un envoi soumis ou non encore soumis à la surveillance et qui n'est pas réclamé pendant une période de quatorze (14) jours.

**Article 14: Modalités d'inspection du bâtiment, du véhicule, du bateau, du train et d'avion contenant un végétal**

Un inspecteur peut, par tout moyen, entrer dans tout endroit où un végétal ou un produit végétal a été introduit, que ce soit dans un bâtiment, un véhicule, un bateau, un train ou dans un avion pour les soumettre à l'inspection et prendre la décision.

Lorsque l'inspecteur soupçonne l'introduction d'un organisme nuisible ou d'une maladie d'une manière quelconque, il adresse une lettre au propriétaire ou au transporteur de l'envoi et donne une copie à l'autorité compétente, en demandant que l'envoi n'entre pas dans le pays, soit retourné au lieu de provenance, transite vers un autre pays, soit mis en quarantaine, soit soumis à la surveillance ou soit détruit si les raisons pour le faire sont indiquées.

**Ingingo ya 15: Inshingano z'utwaye umutwaro**

Nyir'ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi cyose gitwaye umutwaro kimwe n'ubitwaye n'umugenzi iyo ageze aho ibintu byinjirira mu gihugu, agomba:

1° gushyikiriza umugenzuzi inyandiko cyangwa andi makuru ya ngombwa y'ibyo atwaye uko umugenzuzi abimusabye;

2° kuzuza inyandiko imusaba amakuru ajyanye n'ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi cyose atwaye uko umugenzuzi abimusabye;

3° kwirinda ko ikimera cyangwa ikigikomokaho kivanwamo keretse abiherewe uruhushya n'umugenzuzi.

**Article 15: Obligations of consignment carrier**

The owner of a vessel, vehicle, train, aircraft or any other conveyance carrying a consignment as well as his/her conductor and passenger must , upon arrival at the point of entry, do the following:

1° provide an inspector with such documents and other relevant information concerning what he/she carries as the inspector may require;

2° complete an information request form concerning vessel, vehicle, train, aircraft or any other article he/she carries as the inspector may require;

3° prevent any plant or plant product from being unloaded unless otherwise permitted by the inspector.

**Article 15: Obligations du transporteur de l'envoi**

Le propriétaire du bateau, du véhicule, du train, d'un avion ou de tout autre moyen de transport ainsi que le transporteur et le passager doit, dès son arrivée au point d'entrée, faire ce qui suit :

1° fournir à l'inspecteur les documents et autre information nécessaire concernant ce qu'il transporte selon que l'inspecteur l'exige;

2° compléter le formulaire de demande d'information concernant le bateau, le véhicule, le train, l'avion ou tout autre article qu'il transporte selon que l'inspecteur l'exige;

3° empêcher qu'un végétal ou un produit végétal soit déchargé à moins qu'il ne soit autorisé par l'inspecteur.

**Ingingo ya 16: Kugenzura ububiko, ibicuruzwa n'ibindi biri mu nzira bishobora gukwirakwiza indiririzi n'indwara**

Umugenzuzi ashobora kugenzura ububiko, ibicuruzwa cyangwa ibindi biri mu nzira mu gihe bishobora gukwirakwiza indiririzi cyangwa indwara.

Mu gihe umugenzuzi asanze ububiko, ibicuruzwa n'ibindi biri mu nzira bishobora gukwirakwiza

**Article 16: Inspection of storage places, goods and other articles in transit that may spread pests and diseases**

An inspector may inspect any storage place, goods or any other articles in transit in the event they may spread pests or diseases.

Where the inspector establishes that a storage place, goods or any other articles in transit may

**Article 16: Inspection de lieux de stockage, des marchandises et autres articles en transit susceptibles de disséminer les organismes nuisibles et les maladies**

Un inspecteur peut procéder à l'inspection d'un lieu de stockage, des marchandises ou autres articles en transit lorsqu'ils peuvent disséminer les organismes nuisibles ou les maladies.

Lorsque l'inspecteur constate qu'un lieu de stockage, des marchandises ou autres articles en

indirizi ategeka uwinjiza ibicuruzwa kuvanaho indiririzi, guhindura ububiko cyangwa kubusenya nta ndishyi iyo indiririzi cyangwa indwara idashobora kuvaho.

Kuvanaho indiririzi cyangwa indwara bikorerwa aho inenge igaragariye hose.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Uburyo bwo gufatira ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ibintu**

Umugenzuzi ashobora gufatira ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege, cyangwa ikindi cyose gitwaye ibintu mu gihe abonye ko bifite indiririzi cyangwa indwara ishobora kugirira Igihugu ingaruka mbi.

Icyo gihe, ategeka nyirabyo, ubicunze cyangwa ubitwaye gufata ingamba zo kuvanaho indiririzi cyangwa indwara, kwirinda ingaruka byateza.

Nyirabyo yishyura igiciro kijyanye n'uwo murimo.

Iteka rya Minisitiri riteganya uburyo bikorwa.

spread pests, he/she orders the importer to remove pests, to change the storage place or destroy it without any compensation if the pest or disease may not be removed.

The removal of pests or diseases is carried out at any time a defect is identified.

**<u>Article 17</u>: Modalities for confining a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance**

An inspector may confine any vessel, vehicle, train, aircraft or any other means of conveyance where the inspector establishes on such means of conveyance the presence of a pest or disease that poses a risk to the country.

In that case, he/she orders their owner, custodian or conductor to take actions meant for removing the pest or disease, or for risk avoidance.

The owner bears expenses incurred in that process.

An Order of the Minister determines modalities thereof.

transit peuvent disséminer les organismes nuisibles, il ordonne à l'importateur d'enlever ces organismes nuisibles, de changer le lieu de stockage ou de le détruire s'il ne peut pas être éliminé.

L'élimination des organismes nuisibles ou des maladies se fait à tout moment que le défaut est constaté.

**<u>Article 17</u>: Modalités de confinement de bateau, de véhicule, de train, d'avion ou de tout autre moyen de transport**

L'inspecteur peut procéder au confinement d'un bateau, d'un véhicule, d'un train, d'un avion ou de tout autre moyen de transport lorsqu'il constate la présence sur ces moyens de transport d'un organisme nuisible ou d'une maladie présentant un risque national.

Dans ce cas, il ordonne à leur propriétaire, au gardien ou au transporteur de prendre les mesures visant à éliminer l'organisme nuisible ou la maladie, à éviter tout risque qu'ils présentent.

Le propriétaire est chargé des dépenses encourues à cet effet.

Un arrêté du Ministre en détermine les modalités d'exécution.

**Ingingo ya 18: Gukumira iyinjira ry'indiririzi cyangwa indwara z'ibyaduka**

Abigiriwemo inama n'urwego rubifitiye ububasha, Minisitiri agena ibyangombwa bisabwa mu itangwa ry'uruhushya rwo kwinjiza ikimera n'ikigikomokaho hagamijwe kwirinda indiririzi cyangwa indwara z'ibyaduka mu Gihugu.

**Ingingo ya 19: Gutangaza umwaduko w'indiririzi cyangwa indwara**

Iteka rya Minisitiri ritangaza umwaduko w'indiririzi cyangwa indwara byagaragaye cyangwa byavumbuwe. Ritangaza kandi akarere byagaragayemo, ingamba n'amabwiriza bigomba gufatwa mu rwego rwo kwirinda iyo ndiririzi cyangwa indwara no kubirwanya mu buryo bwihutirwa.

**Ingingo ya 20: Kwinjiza indiririzi, ikimera cyangwa ikigikomokaho bishyigikira ubumenyi n'ubushakashatsi**

Ku mpamvu z'ubumenyi n'ubushakashatsi, indiririzi, ikimera cyangwa ikigikomokaho gishobora kwinjizwa mu Rwanda. Uburyo bikorwa bugenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**Article 18: Prevention of introduction of invasive alien species or diseases**

Upon advice of the competent authority, the Minister, for the purposes of prevention from the introduction of invasive alien species or diseases into the country, determines conditions at the issuance of plant or plant product import licence.

**Article 19: Declaration of pest or disease outbreak**

An Order of the Minister declares a pest or disease outbreak. It also indicates the area concerned with the outbreak, measures and instructions to be made for the purpose of preventing and urgently fighting such a pest or disease.

**Article 20: Importation of pest, plant or plant product for scientific and research purposes**

A pest, a plant or a plant product may be imported into Rwanda for scientific and research purposes. Importation modalities are determined by an Order of the Minister.

**Article 18: Prévention de l'introduction d'espèces exotiques ou de maladies envahissantes**

Sur avis de l'autorité compétente, le Ministre détermine les conditions lors de l'octroi d'une licence d'importation d'un végétal ou d'un produit végétal, pour des raisons de prévenir l'introduction d'espèces exotiques ou de maladies envahissantes au pays.

**Article 19: Déclaration de l'apparition d'un foyer d'organisme nuisible ou de maladie**

Un arrêté ministériel déclare l'apparition d'un foyer d'organisme nuisible ou de maladie. Il indique également la zone d'apparition, les mesures et instructions à prendre dans le cadre de prévention et lutte urgente contre cet organisme nuisible ou cette maladie.

**Article 20: Importation d'un organisme nuisible, d'un végétal ou d'un produit végétal pour des raisons scientifiques et de recherche**

Un organisme nuisible, un végétal ou un produit végétal peut être importé au Rwanda pour des raisons scientifiques et de recherche. Les modalités d'importation sont déterminées par un arrêté ministériel.

**Ingingo ya 21: Kugena igicumbi cy'ikimera cyahawe akato**

Ikimera cyangwa ikigikomokaho cyose cyahawe akato cyoherezwa mu gicumbi cyagenwe n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 22: Inshingano z'abakozi ba gasutamo cyangwa undi wese ubyemerewe**

Umukozi wa gasutamo cyangwa undi wese ubyemerewe, afatanya n'umugenzuzi w'urwego rubifitiye ububasha kureba ko ibyinjiye byujuje ibisabwa.

**Ingingo ya 23: Ububasha bw'abagenzuzi mu bijyanye no kwinjiza mu gihugu ikimera, ibigikomokaho cyangwa ibindi byemewe**

Umugenzuzi ashobora kwinjira ahantu aho ariho hose, mu gihe abona ko ari ngombwa, agamije kugenzura no gushaka amakuru ahakekwa indiririzi cyangwa indwara kandi imirimo ijyanye n'icyo gikorwa cyo kurwanya indiririzi ikishyurwa na nyir'ibintu.

**Ingingo ya 24: Uburyo bwo kugenzura ikimera cyangwa ikigikomokaho**

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kugenzura, kubuza, kugabanya no kwinjiza mu gihugu ikimera, ikigikomokaho, indiririzi yahawe akato, ibinyabuzima ngirakamaro n'ibindi bishobora kubika no gukwirakwiza indiririzi cyangwa indwara.

**Article 21: Designation of quarantine station of a plant**

Any quarantine plant or plant product is sent to a station designated by the competent authority.

**Article 22: Duties of customs officers or any other authorised officer**

A custom officer or any other authorised officer collaborates with an inspector of the competent authority to check whether the imported products comply with requirements.

**Article 23: Powers of inspectors in relation to imported plant, plant products or other regulated articles**

An inspector may, where he/she considers it necessary, enter in any area for the purposes of inspection of and information gathering from an area in which a pest or a disease is suspected and the owner bears the cost of such a pest control activity.

**Article 24: Modalities to inspect a plant or a plant product**

An Order of the Minister specifies modalities for inspection, prohibition, restriction and importation of a plant, plant product, quarantine pest, beneficial organisms or any other elements that can contain and spread pests or diseases.

**Article 21: Désignation de station de quarantaine d'une plante**

Tout végétal ou produit végétal de quarantaine est envoyé à une station désignée par l'autorité compétente.

**Article 22: Attributions des agents de douanes ou de tout autre agent autorisé**

Un agent de douane ou tout autre agent autorisé collabore avec l'inspecteur de l'autorité compétente pour vérifier si les produits importés respectent les conditions exigées.

**Article 23: Pouvoirs des inspecteurs en matière d'importation d'un végétal, produits végétaux ou autres articles réglementés**

Un inspecteur peut, selon qu'il l'estime nécessaire, entrer dans toute zone où un organisme nuisible ou une maladie est suspecté et procéder à l'inspection et à la recherche des informations et le coût de cette activité est à la charge du propriétaire.

**Article 24: Modalités d'inspecter un végétal ou un produit végétal**

Un arrêté ministériel détermine les modalités d'inspection, d'interdiction, de restriction et d'importation de végétal, de produit végétal, d'organisme de quarantaine, d'organismes bénéfiques ou de tout autre élément susceptible de

contenir et de disséminer des organismes nuisibles ou des maladies.

## UMUTWE WA III: GUKUMIRA NO KURANDURA INDIRIRIZI N'INDWARA

**Ingingo ya 25: Kumenyekanisha ahabonetse indiririzi cyangwa indwara**

Umuntu wese ubonye ahantu hagaragaye, cyangwa hakekwa indiririzi cyangwa indwara agomba kubimenyesha ubuyobozi bumwegereye kugira ngo bubimenyeshe urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 26: Gutangaza ishyirwaho ry'akato**

Iteka rya Minisitiri rigena ahantu hari mu kato n'uburyo bukoreshwa mu rwego rwo kurandura indiririzi, indwara cyangwa icyorezo cy'indwara.

**Ingingo ya 27: Inshingano ya nyir'ubutaka**

Umuntu wese ufite ubutaka bugaragaweho indiririzi cyangwa indwara agomba gushyira mu bikorwa ibyo asabwe n'urwego rubifitiye ububasha mu rwego rwo gukumira ikwirakwizwa no kurandura indiririzi cyangwa indwara yagaragaye kuri ubwo butaka.

## CHAPTER III: CONTAINMENT AND ERADICATION OF PESTS AND DISEASES

**Article 25: Notification of presence of pest or disease**

Any person who notices or suspects the presence of a pest in a given area must notify the nearest administration so that the latter notifies the competent authority.

**Article 26: Declaration of a quarantine**

An Order of the Minister determines a quarantine area and modalities for eradication of a pest, disease or epidemic disease.

**Article 27: Obligation of the land owner**

Any person on whose land a pest or disease is present must implement measures as prescribed by the competent authority for the purposes of containment and eradication of a pest or a disease on that land.

## CHAPITRE III: ENRAYEMENT ET ERADICATION DES ORGANISMES NUISIBLES ET DES MALADIES

**Article 25: Notification de la présence d'un organisme nuisible ou d'une maladie**

Toute personne qui constate ou suspecte la présence d'un organisme nuisible ou d'une maladie dans un endroit donné doit informer l'administration la plus proche afin que cette dernière en informe l'autorité compétente.

**Article 26: Déclaration d'une de quarantaine**

Un arrêté du Ministre détermine la zone de quarantaine ainsi que les modalités d'éradication d'un organisme nuisible, d'une maladie ou d'une maladie épidémique.

**Article 27: Obligation du propriétaire foncier**

Tout propriétaire de terrain sur lequel un organisme nuisible ou une maladie est constaté doit exécuter les mesures prises par l'autorité compétente dans le cadre d'enrayement et d'éradication d'un organisme nuisible ou d'une maladie sur ce terrain.

**Ingingo ya 28: Amafaranga ajyanye no gukuraho indiririzi cyangwa indwara**

Igiciro n'uruhare mu gikorwa cyo gukuraho indiririzi cyangwa indwara byishyurwa na nyir'ibibntu. Iyo bigaragaye ko ari icyorezo cy'indwara cyangwa indiririzi iri mu kato byishyurwa na Leta.

**Ingingo ya 29: Gukuraho akato**

Iteka rya Minisitiri rikura mu kato ahantu hamwe cyangwa hose harangwaga indiririzi cyangwa indwara.

**Ingingo ya 30: Gutangaza akarere karimo n'akatarimo indiririzi cyangwa indwara**

Iteka rya Minisitiri ritangaza akarere karimo n'akatarimo indiririzi cyangwa indwara .

**UMUTWE WA IV: ICYEMEZO CY'UBUZIRANENGE**

**Ingingo ya 31: Icyemezo cy'ubuziranenge**

Kohereza mu mahanga ikimera cyangwa ikigikomokaho bigomba icyemezo cy'ubuziranenge gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Icyemezo gihabwa uwujuje ibyangombwa bisabwa n'igihugu ikimera cyangwa ikigikomokaho kigiye koherezwamo.

**Article 28: Cost for treatment of a pest or disease**

The cost and responsibility for any action to treat pests or diseases are borne by the owner. For the case of an epidemic disease or a quarantine pest, the cost is borne by the Government.

**Article 29: Quarantine lifting**

An Order of the Minister Order lifts quarantine either on a part or on the whole of the area in which a pest or a disease was present.

**Article 30: Declaration of a pest or disease infested or free area**

An Order of the Minister declares a pest or disease infested or free area.

**CHAPTER IV: PHYTOSANITARY CERTIFICATE**

**Article 31: Phytosanitary certificate**

The export of a plant or plant product requires a phytosanitary certificate issued by the competent authority.

The phytosanitary certificate is issued to a person meeting requirements set by the country of destination of the plant or plant product.

**Article 28: Coût relatif au traitement d'organisme nuisible ou de maladie**

Le coût et la responsabilité pour toute action de traitement d'organismes nuisibles ou de maladies sont à la charge du propriétaire. En cas d'une épidémie ou d'un organisme de quarantaine, ce coût est à la charge de l'Etat.

**Article 29: Levée de la quarantaine**

Un arrêté ministériel lève la quarantaine sur une partie ou l'ensemble de la zone où un organisme nuisible ou une maladie était présent.

**Article 30: Déclaration d'une zone infestée ou exempte d'organismes nuisibles ou de maladies**

Un arrêté ministériel déclare une zone infestée ou exemptée d'organismes nuisibles ou de maladies.

**CHAPITRE IV: CERTIFICAT PHYTOSANITAIRE**

**Article 31: Certificat phytosanitaire**

L'exportation d'un végétal ou d'un produit végétal requiert un certificat phytosanitaire délivré par l'autorité compétente.

Le certificat phytosanitaire est octroyé à une personne remplissant les conditions fixées par le pays de destination du végétal ou du produit végétal.

Imiterere y'icyemezo cy'ubuziranenge igenwa n'Iteka rya Minisitiri.

The format of a phytosanitary certificate is determined by an Order of the Minister.

Le format du certificat phytosanitaire est déterminé par un arrêté ministériel.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 32: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 32: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 32: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Ingingo ya 33: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 33: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 33: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 34: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 34: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 34: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 10/05/2016

Kigali, on 10/05/2016

Kigali, le 10/05/2016

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des sceaux